Corewell Health™

# Uruhushya RUSANGE, KUVURA NO GUTANGAZA AMAKURU



Patient Name

DOB

MRN

Physician

CSN

**ICYITONDERWA:**

Kuri iyi fishi, Corewell Health bisobanura ikigo icyo ari cyo cyose cyangwa ibigo ibyo ari byo boyse bya Corewell Health n'aho biherereye.

**ITANGAZO RYO KWIRINDA IVANGURA:**

Corewell Health yubahiriza amategeko agenga uburenganzira bw'abaturage akurikizwa kandi ntikora ivangura, ntiheza abantu, cyangwa ngo ibafate mu buryo butandukanye ishingiye ku bwoko, ibara ry'uruhu, umuryango w'ubwoko, igihugu bakomokamo, imyaka, kuba barwaye cyangwa batarwaye agakoko gatera SIDA, irangamimerere, igitsina (nk'uko bisobanurwa n'amategeko n'ingamba za Corewell Health), igitsina umuntu akunda, igitsina kiranga umuntu cyangwa icyo avuga ko afite, ubumuga, idini, uko ahagaze mu rwego rw'ubukungu n'uko afatwa muri sosiyete cyangwa aho akura amafaranga yishyura serivisi, uburebure, ibiro, sitati y'abahoze ku rugererero, kuba ari umunyamuryango cyangwa undi urinzwe hashingiwe ku mategeko y'igihugu, aya leta, cyangwa ay'akarere.

**NEMEYE**:

- Gusuzumwa no kuvurwa n'abatanga serivisi, abimenyereza umwuga wo kuvura, abanyeshuri, n'abandi banyamwuga bita ku buzima muri Corewell Health. Ibi bishobora kuba uhibereye, mu gihe cy'abaganga basurira hamwe abarwayi, ubuvuzi bukoresha ikoranabuhanga, gufata amajwi n'amashusho, gufata amafoto n'ibikoresho bifata amajwi. Ibi bikoresho bishobora gukoreshwa mu kuvura/gusuzuma cyangwa ku buryo bukoreshwa mu buvuzi, siyansi na/cyangwa umutekano bwite.
- Nk'uko byaganiriweho kandi bikemeranywa, utanga serivisi ashobora guhindura na/cyangwa ubuvuzi bw'umwana wanjye kugira ngo yungukire mu buzima bwanjye.
- Ndamutse naje kubyara, utanga serivisi n'abandi banyamwuga bita ku buzima bashobora kwita ku mwana wanjye.
- Iyo ndi muri randevu aho abaganga basurira hamwe abarwayi, njya muri iyi randevu hamwe n'abandi barwayi. Muri izi randevu, umpa serivisi ashobora gusangiza abandi amakuru bwite anyerekeyeho.
- Utanga serivisi ashobora kubona ibipimo by'amaraso yanjye, inkari n'andi matembabuzi/tisi byo mu mubiri wanjye (“ibipimo”). Mpaye uruhushya utanga serivisi rwo gukusanya, gusesengura, kubika no gufata neza ibyo bipimo ku mpamvu z'ibikorwa bisanzwe by'ivuriro ndetse no gukuramo amakuru ashobora gutuma umwirondoro w'umuntu umenyekana muri ibyo bikorwa nko gutunganya ibikoresho byo muri laburatwari, ibizamini byo kwemeza, no kwigisha abakozi bashya n'abanyeshuri.

**NSOBANUKIWE KO:**

- Nzabaza ibibazo.
- Ndabizi ko ubuvuzi bwo kubaga atari siyansi mpamo. Nta muntu wansezeranyije cyangwa wanyizeje ibijyanye n'ibizava mu buvuzi bwanjye, kwitabwaho, cyangwa ibizami nkorerwa muri Corewell Health.
- Abanyeshuri n'abakozi bashobora kureba amakuru y'ubuvuzi bwanjye ku mpamvu zo kwigisha cyangwa gukora ubushakashatsi.
- Umukozi azagenzura uwo ndi we. Azabaza icyo nzaba narakoze. Ibi bikorwa kugira ngo bandinde.
- Bamwe mu batanga serivisi n'abakozi ba Corewell Health. Ndabizi ko Corewell Health idashinzwe ubuvuzi bwabo cyangwa ibindi bikorwa. Ndabizi kandi ko bazampa fagitire zitandukanye kabone nubwo bampera serivisi aho Corewell Health ikorera. Nzakorana n'ibiro byabo kugira ngo basubize ibibazo ku bwishingizi.
- Itegeko rya Michigan ryemerera abatanga serivisi z'ubuzima gupima HIV (virusi itera AIDS) mu maraso yanjye cyangwa Epatite nta ruhushya mbahaye mu gihe umuntu watanze ubufasha kuri dosiye yanjye akoze ku maraso yanjye cyangwa amatembabuzi.
- Kopi y'ingamba zirebana no kwemererwa guhabwa ubufasha bw'amafaranga na Corewell Health ziboneka uzisabye ku hantu hose ho kwiyandikishiriza no ku rubuga rwacu ari rwo https://corewellhealth.org/billing/financial-assistance.
- Corewell Health ntizihanganira ivangura rikorerwa utanga serivisi uwo ari we wese, abandi banyamwuga batanga serivisi z'ubuzima cyangwa abakozi kubera ubwoko, ibara ry'uruhu, igitsina, igihugu umuntu akomokamo, imyaka, ubumuga, igitsina cyangwa ikindi kintu gishingirwaho kitemewe na guverinoma, leta cyangwa itegeko ry'imbere mu gihugu.
- Uburwayi bwanjye butumye noherezwa ku nzobere, Nsobanukiwe ko nzabazwa amahitamo yajnjye. Nzagira amahirwe yo kuba Corewell Health izavugisha utanga serivisi nihitiyemo cyangwa niba ntawe mfite nshaka, utanga serivisi wigenga uva ku “rutonde rw'abahamagarwa” rwa Corewell Health azahamagarwa. Nemeye fagitire mpabwa na sosiyete y'ubwishingizi kuri serivisi za kinyamwuga zitangwa n'uyu utanga serivisi yaba ari muri gahunda y'ubwishingizi bwanjye cyangwa atayirimo.
- Uru ruhushya rumara umwaka (1) umwe uhereye igihe ndushyiriyeho umukono.

***BYARANGIYE ➔***

**Confidentiality of this medical record** shall be maintained except when use or disclosure is required or permitted by law, regulation, or written authorization by the patient.

**AMAKURU Y'UBUVUZI YANJYE:**

- COREWELL HEALTH ISHOBORA GUTANGAZA AMAKURU Y'UBUVUZI BWANJYE KURI:
  - Amasosiyete y'ubwishingizi, ubwishingizi n'abayobozi kugira ngo bishyurwe serivisi njyewe cyangwa umwana wanjye ahabwa/ duhabwa.
  - Ibigo bya leta nka Medicare na Medicaid cyangwa hakurikijwe uko bisabwa n'itegeko.
  - Abampa serivisi cyangwa abandi bagira uruhare mu kumvura none no mu gihe kizaza.
  - Umukoresha wanjye, iyo amakuru yerekeye ubuvuzi cyangwa serivisi zishyuwe n'umukoresha, cyangwa ku zindi mpamvu zemewe hakurikijwe amategeko.
  - Umuntu uwo ari we wese cyangwa ikigo gishinzwe kwishyura fagitire yose cyangwa igice cyayo.
- Nemeye ko Corewell Health yafata ifoto y'umwana wanjye ikayibika mu makuru yanjye y'ubuvuzi abitse mu buryo elegitoronike. Nsobanukiwe ko Corewell Health izakoresha iyi foto ku mpamvu z'umwirondoro hagamijwe kunoza uburyo urwaye afatwa.
- Nsobanukiwe ko Corewell Health izabika amakuru y'ubuvuzi yanjye cyangwa y'umwana wanjye hakurikijwe itegeko rya leta, itegeko rya guverinoma n'amabwiriza. Nsobanukiwe kandi ko amakuru yanjye y'ubuvuzi ashobora kubikwa mu buryo elegitoronike kandi ashobora koherezwa cyangwa akakirwa n'abandi batanga serivisi z'ubuzima na/cyangwa abishyura mu buryo elegitoronike. Ibi bikubiyemo isuzuma nakorewe (ikibazo mfite), ubuvuzi (ikiri gukorwa kugira ngo ndusheho kumera neza), n'ubuvuzi cyangwa amakuru y'imiti nandikiwe. Ibi bizaba bikubiyemo kandi ibisobanuro byerekeye ubuzima bwanjye bwo mu mutwe, indwara zandura (nka HIV), n'ibindi bibazo nk'ibiyobyabwenge cyangwa ikoresha ribi ry'inzoga.
- Ntanze uruhushya ko amakuru yanjye y'ubuzima arinzwe (PHI) yoherezwa MyChart (urubuga rw'umurwayi) konti. MyChart ni urubuga rwa interineti rutekanye rutuma mbona, nakira kandi ngacunga amakuru yerekeye ubuzima bwanjye.
- Nsobanukiwe ko amakuru yanjye y'ubuzima arinzwe (PHI) ashobora kuba akubiyemo amakuru bwite cyane (urugero., uburwayi bw'umubiri/mu mutwe, inzoga/gukoresha nabi ibiyobyabwenge, uburwayi bwandurira mu mibonano mpuzabitsina (STIs), HIV/AIDS, etc.). Iyo mpaye umuntu uruhushya rwo kwinjira ku rubuga rwa MyChart cyangwa ngasaba ko ko PHI yanjye isangizwa urundi ruhande, urwo ruhande rundi rushobora kubona PHI yanjye (ashobora kuba akubiyemo amakuru bwite). Mu guha abandi uburenganzira bwo kwinjira kuri PHI, Mba nemeye ko ashobora kubona amakuru yanjye bwite cyane harimo n'uko mpagaze mu bijyanye na HIV/AIDS.
- Rimwe na rimwe, Corewell Health isabwa n'itegeko gutangaza amakuru y'ubuvuzi ku kigo nk'ishami rishinzwe ubuzima. Ibi bishobora kuba bikubiyemo amakuru yerekeye HIV, TB n'izindi ndwara.
- Iyo mpawe taransiferi mu bindi bitaro, abaha serivisi Corewell Health /abimenyereza umwuga bashobora kugera ku makuru yanjye y'ubuvuzi kugira ngo bakurikirane ubuvuzi mpabwa na/cyangwa bakoreshe amakuru mu bushakashatsi bwo mu buvuzi.

**IMENYESHA RY'UBUZIMA BWITE:**

- Mfite uburenganzira n'inshingano iyo njyewe cyangwa umwana wanjye ahawe duhawe/ ahawe serivisi. Nagize amahirwe yo kwakira Kopi y'Imenyesha ku kubahiriza Ubuzima Bwite kandi nabonye n'amahirwe yo kubaza ibibazo ku makuru ari mu Imenyesha.

**IBINTU BY'AGACIRO:**

- Nemera ko Corewell Health idashinzwe kurinda imitungo yanjye kandi ngomba gusiga ibintu by'agaciro mu rugo.

**UBURENGANZIRA BW'UMURWAYI NO GUTANGA IBIREGO KURI SERIVISI USTISHIMIYE:**

- Nsobanukiwe ko nshobora gutanga impungenge cyangwa ikirego nta bwoba mfite bwo kwihimurwaho cyangwa kwihorerwaho. Hazakoreshwa imbaraga mu gushakira ibisubizo impungenge zanjye ku buryo bwihuse cyangwa mu gihe gikwiye. Ndamutse mfite ikibazo ku burenganzira bwanjye nk'umurwayi, nshobora kubaza ibibazo. Nimero ya terefone yo guhamagara ni 855.613.2262. Nshobora kandi kubwira impungenge mfite Uhagarariye uko abarwayi bafatwa n'umuryango aho mpererwa ubuvuzi.

**UBURENGANZIRA BWO GUHAMAGARA :**

- Nahaye Corewell Health nomero za telefone z'aho ntuye ndetse/cyangwa zigendanwa ndetse n'aderesi imeyiri. Nemeye guhamagarwa na Corewell Health, guhamagarwa hakoreshejwe uburyo telefone yihamagara ndetse/cyangwa ihamagara ryafashwe amajwi mbere, kwakira ubutumwa bugufi ndetse/ cyangwa imeyiri bya Corewell Health ndetse/cyangwa abayikorera/abandi. Iri tumanaho rishobora kubamo gusabwa kwishyura fagitire. Mfite inshingano zo kwishyura amafaranga akoreshwa mu itumanaho ngirana n'umpa/abampa serivisi. Ubu burenganzira butangwa ku bushake. Nshobora kuvurwa n'ubwo naba ntatanze "uruhushya rwo kumvugisha/kunyandikira".
- Ubutumwa bwanditse bwo muri Corewell Health bushobora kuba bukubiyemo itariki n'igihe randevu izabera, izina ry'umpa serivisi, izina na aderesi y'ahantu randevu yanjye izabera, n'icyo ngomba kumenya kugira ngo nitegure randevu yanjye, amafaranga ndimo, cyangwa amakuru y'ubuzima makeya.
- Mpaye Corewell Health uburenganzira bwo kohereza ubutumwa bwanditse budasobetse bwanditse kuri telefone mfite kuri dosiye yanjye mu makuru y'ubuzima ya Corewell Health yanjye. Nsobanukiwe ko:
  - Ubutumwa bwanditse budasobetse. Amakuru y'ubuzima yoherejwe mu butumwa bwanditse budasobetse ashobora gufatwa cyangwa kubonwa n'abandi. Hari ibindi byago ko ubutumwa bwanditse

**Confidentiality of this medical record** shall be maintained except when use or disclosure is required or permitted by law, regulation, or written authorization by the patient.



***GUKOMEZA KURI PAJI YA 3 ➔***

**Patient Name**
**DOB**
**MRN**
**Physician**
**CSN**

**UBURENGANZIRA BWO GUHAMAGARA *(BIRAKOMEZA)***

budasobetse harimo ubutumwa bwanditse bwoherejwe ahatariho ubutumwa bwohererejwe abandi n'ubutumwa bubitse kuri mugabuzi zidafite umutekano. Mu guhitamo kwakira amakuru y'ubuzima yawe biciye mu butumwa bwanditse budasobetse, uba uzi kandi wemeye ibi byago.

- Ubu burenganzira bukomeza kugira agaciro kugeza mbuteshеje agaciro cyangwa nkisubiraho ku ruhushya rwanjye nari natanze rwo kwakira ubutumwa bwanditse.
- Nshobora gutesha agaciro cyangwa kuvanaho uru ruhushya, keretse haragize igikorwa mbere y'iyakirwa ryo gutesha agaciro cyangwa kuvanaho uruhushya, byakorerwa ku biro by'umpa serivisi cyangwa ugahamagara 877.308.5083.

**UBURENGANZIRA BWO KWAKIRA UBWISHYU NO GUTANGA FAGITIRE:**

- Corewell Health ifite uburenganzira bwo kwishyuza uruhande urwo ari rwo rwose no kunyishyuza. Mpaye Corewell Health uburenganzira bwo gukora mu izina ryanjye bukanyishyuriza urundi ruhandede rwose no kwemeza sheki zinyishyurwa na/cyangwa Corewell Health.
- Mpaye uburengenzira isosiyete y'ubwishingizi iyo ariyo yose, ishinzwe kwishyura ubuvuzi mpabwa, na Corewell Health kuri serivisi nahawe. Nsobanukiwe ko mfite inshingano zo kwishyura amafaranga yose naciwe atarishyuwe n'ubwishingizi.
- Nsabye ko amafaranga ngomba kwishyurwa mberewemo y'ibyo mfitiye uburenganzira ngenerwa na Medicare (mu izina ryanjye) yishyurwa Corewell Health kuri serivisi iyo ariyo yose nahawe na Corewell Health cyangwa naherewe mubitaro byayo.
- Nemeye ko konti yanjye nitishyurwa kandi igihe cyageze, Corewell Health ishobora kwifashisha umwunganizi mu by'amategeko na/cyangwa ikigo gishinzwe kwishyuza. Nzaba mfite inshingano zo gusubiza Corewell Health ibiguzi byose, amafaranga yaciwe n'amafaranga agenda mu kwishyuza amafaranga aberewemo. Ibi bikubiyemo, ariko ntibigarukira ku, nyungu yumvikana, amafaranga atangwa mu iburana hatanzwe ikirego hamwe n'amafaranga yishyurwa umwunganizi mu by'amategeko yumvikana na/cyangwa amafaranga yishyurwa ikigo gishinzwe kwishyuza harimo n'amwe ashingiye ku ijanisha ry'umwenda.
- Nemeye ko amakuru yatanzwe na njye kugira ngo nishyurwe ari ukuri. Ndabizi ko kubanza kwemererwa cyangwa kubanza guhabwa uruhushya rwa serivisi ari inshingano zanjye.
- Nemeye ko mfite inshingano zo gufatanya kwishyura, gufatanya n'ubwishingizi wkishyura ndetse n'amafaranga akatwa kuri serivisi zishingiwe ndetse n'izo serivisi zirenze ibyo ngenerwa n'ubwishingizi. Mfite inshingano kandi zo kwishyura serivisi zose zitishingiwe nk'uko bisobanurwa mu masezerano ya gahunda y'ubuvuzi. Ntanze uruhushya kandi nemeye kwishyura amafaranga yose ya serivisi zitishingiwe nshobora guhabwa. Nsobanukiwe ko nshobora kubaza ikigereranyo cy'amafaranga ya serivisi ngiye guhabwa mbere y'uko nzihabwa kandi ko mfite uburenganzira bwo kwanga serivisi igihe mpisemo kutazishyura.
- Sinifuza ko Corewell Health izishyuza ikigo cy'ubwishingizi dukorana, ngomba kumenyesha Corewell Health mu gihe ndiguhabwa serivisi.
- Corewell Health ishobora kubona raporo y'inguzanyo kugira ngo igene niba nemerewe kugabanyirizwa ibitishingiwe (kwiyishyurira) cyangwa porogaramu y'ubufasha bw'amafaranga. Ibi ntibizagira ingaruka ku bushobozi bwanjye bwo kwishyura inguzanyo
- Ababyeyi bahawe gatanya b'Umurwayi utujuje imyaka y'ubukure:
  - Sisitemu ibika amakuru y'ubuvuzi ya Corewell Health yemerera umubyeyi umwe/umwishingizi gushyirwaho nk' umwishingizi (umuntu ushinzwe kwishyura fagitire). Ababyeyi bashinzwe guhana amakuru (hagati yabo) ku bijyanye no kwishyura amafaranga ayariyo yose yaciwe atishyurwa n'ubwishingizi.
- Umurwayi Uvurwa Ataha wa Medicare:
  - Nziko amategeko ya Medicare atuma niyishyurira imiti mfata ku giti cyanjye mu gihe ntarwariye mu bitaro. Imiti umuntu afata ku giti cye ubusanzwe ni imiti mfata nta bufasha bwa kinyamwuga mpawe ariko ashobora gutangwa n'umukozi Utanga serivisi ku barwayi bavurwa bataha nk'Ishami ry' Indembe, ishami rishinzwe abarwayi bavurwa bataha cyangwa ubuvuzi bugamije kureba ibyo umurwayi akeneye ngo ashyirwe mu bitaro. Medicare isaba ibitaro guha fagitire z'ubu buvuzi abarwayi ba Medicare cyangwa izindi mpande zishyura. Abagenerwabikorwa ba Medicare Igice D bashobora guha fagitire Medicare Igice D aho biba bishoboka ko basubizwa amafaranga y'iyi miti hakurikijwe ibikoresho byo kwiyandikisha bya gahunda y'imiti ya Medicare.

**Confidentiality of this medical record** shall be maintained except when use or disclosure is required or permitted by law, regulation, or written authorization by the patient.



***BYARANGIYE ➔***

# RUSANGE, KUVURWA NO GUTANGAZWA KW'AMAKURU *(BIRAKOMEYE)*


**GUTANGA INSHINGANO:**

- Mpaye inshingano Corewell Health:
  - Ibyo ngenerwa byose, ibyo nsaba, n'ubundi burenganzira bwose, harimo n'uburenganzira bwo gutanga fagitire no kuvugana n'urundi ruhande rwose hagamijwe gushaka kwishyurwa, bijyanye n'amafaranga ncibwa na Corewell Health.
  - Uburenganzira bwo gutanga ikirego no gutanga ubufasha mu rubanza urwo ari rwo rwose cyangwa urubanza rurimo amafaranga ncibwa na Corewell Health.
  - Uburenganzira bwo gukora ikindi gikorwa icyo ari cyo cyose kugira ngo hashakwe amafaranga nishyura naciwe na Corewell Health.
- Izi nshingano zikubiyemo, ariko ntizigarukira, ku burenganzira bwo kujuririra kwangirwa kwishyurirwa amafaranga naciwe na Corewell Health n'uwishyura uwo ari we wese, harimo gahunda y'ibyo ngenerwa biterwa inkunga n'umukoresha, amabwiriza y'ubwishingizi cyangwa kwishyurirwa ubwishingizi buteganywa n'itegeko cyangwa amasezerano.
- Mpaye kandi Corewell Health inshingano, kandi nemeye ko nkuyeho, uburenganzira ubwo ari bwo bwose cyangwa bwose, bwo kwishyura, gutangaza cyangwa kugumana amafaranga naciwe na Corewell Health, cyangwa gukora ikindi gikorwa cyose cyatuma kwishyura bitagenda neza cyangwa gusubizwa amafaranga naciwe na Corewell Health.
- Nshyizeho kandi Corewell health nk'umpagarariye wemewe mu rwego rwo kwishyuza amafaranga naciwe na Corewell Health. Mpaye kandi Corewell Health gukora mu izina ryanjye mu kwishyuza ibyo ngenewe byose, harimo n'Ibigenwa n'Itegeko rirengera abakozi bari mu ikiruhuko cy'izabukuru ryo mu w' 1974, hamwe no kujuririra igenwa ry'ibyo ugenerwa ritari mu nyungu zawe. Nemeye gufasha Corewell Health gukurikirana ibyo ngenerwa byose mu rwego rw'ubwishingizi kandi nemera kwishyura amafaranga uwishingiwe afatanya kwishyura n'umwishingizi, amafaranga uwishingiwe afatanya kwishyura n'umwishingizi n'amafanga uwishingiwe yiyishyurira asabwa n'ubwishingizi.
- Mpaye uburenganzira Corewell Health kandi nyigiriye inama yo gukoresha inyungu zituruka ku mafaranga yose yagarujwe ku yo naciwe na Corewell Health.

**ISEMURANYANDIKO:**

- Nsobanukiwe ko nshobora kubona iyi nyandiko mu zindi ndimi igihe mbisabye. Kopi y'iyi nyandiko kandi n'inyandiko yayo isemuye bishobora kuboneka ku rubuga rwacu ugiye kuri https://corewellhealth.org/generalconsent.

**UMUKONO/IMIKONO Y'UMURWAYI**

Nasomye iyi fishi kandi ndayisobanukiwe. Ibibazo byanjye byose byasubijwe.

**IGIHE** ____________ ☐ ZA MU GITONDO ☐ Z'IKIGOROBA **ITARIKI** ____________ Umukono w'umurwayi ____________________

- Umurwayi afite munsi y'imyaka 18 cyangwa ntiyashobora gutanga uburenganzira ____________________

  **IGIHE** ____________ ☐ ZA MU GITONDO ☐ Z'IKIGOROBA **ITARIKI** ____________ Umubyeyi/Umwishingizi umukono ____________________

  Amazina mu nyuguti nkuru ____________________________________________

---

**STAFF SIGNATURE(S):**

Witness signature ____________________________________________

***Second witness needed for Verbal Consent:***

Witness signature ____________________________________________

---

**INTERPRETING SERVICES:**

I certify that I have interpreted, to the best of my ability, into and from the patient's stated primary language, everything said during the informed consent discussion.

**TIME** __________ ☐ AM ☐ PM **DATE** __________ Interpreter signature ______________________________

Interpreter name (print) ____________________________________________

**Confidentiality of this medical record** shall be maintained except when use or disclosure is required or permitted by law, regulation, or written authorization by the patient.

 © Corewell Health